**Ikinyarwanda III**

**011**

05/11/2008 14h00-17h00

**INAMA Y'IGIHUGU ISHINZWE IBIZAMINI**

B.P. 3817 KIGALI-TEL/FAX: 586871

# IKIZAMINI CYA LETA GISOZA ICYICIRO RUSANGE CY'AMASHURI YISUMBUYE 2008

**IKIZAMINI : IKINYARWANDA III**

**IGIHE KIMARA: AMASAHA ATATU**

**AMABWIRIZA :**

- Ikizamini kigizwe n'ibice bine :

Igice cya mbere : Kumva no gusesengura umwandiko
Igice cya kabiri : Ikibonezamvugo
Igice cya gatatu : Imyandikire n'ubumenyi rusange bw'ururimi
Igice cya kane : Ihimbamwandiko

- Ubahiriza itonde ry'ibibazo uko bikurikirana. Ibisubizo byawe bigomba kuba bifututse, byuzuye nta kurondogora.
- Kirazira kwandika amazina yawe cyangwa iry'ikigo wigamo. Siga umwanya wandikwamo amanota.
- Gusiribanga bitwarirwa amanota.

## UMWANDIKO: UMURIRO

Tuvuga ko umuriro urangwa icyarimwe n'ubushyuhe, urumuri n'ibishâshi bishobora kwaaka bigatwika ibintu, bigashya, bikagurumana. Ibicanwa tumenyereye ni : inkwi, ibyatsi byumye, ibirere, ibisheshe, imbâgara n'ibiyorero, ibaarizo, ibishingwe, amakara, nyiramugengeri icukurwa mu bishanga, umwuka utekeshwa cyangwa umurika, amashanyarazi, amavuta akomoka kuri peteroli n'ibindi.

Abahanga bahamya ko abakurambere bashibutseho abantu bamaze nk'imyaka 80.000 bavumbuye umuriro. Ngo bawugezeho bakuba agati ku kandi nka bimwe by'Abanyarwanda bari bamenyereye byo gukoresha urushingo rw'umuko wumye bakaragagamo agati k'urushingati, abazungu bataradukana ibibiriti. Bashobora kandi kuba barawugezeho bakubita ibuye ku rindi kuko na byo bitanga ibishâshi. Umuriro warabafashije cyane kuko watumye bashobora kotsa no guteka ibiribwa.

Mbere batungwaga no gusoroma imbuto zeraga ku biti byimeza, bagahekenya ibibisi, inyama mbisi n'amaraso ntibabitinyaga.

N'ubu umuriro udufasha guteka ibyo turya, no gucâaniira ibinyobwa, bityo udukoko dushobora kudukururira indwara tukicwa n'ubushyuhe. Abakunda inyotse zirimo n'imishito ubafatiye runini.

Umuriro uheembeerwa n'umwuka mwiza ariko cyane cyane n'umuyaga. Twibutse ko bagira bati « Ibijya gushya birashyuha » ; bakongera bati «Utonganye n'umuriro arya ibibisi » cyangwa « Utetse ubusa ni bwo yarura ».
Akamaro ka mbere k'umucaânwa rero ni uguhisha ibiribwa no gushyushya ibyo turya n'ibyo tunywa. Twirinda gupfubya cyangwa gushiririza ibyo ducaniriye. Uwaruhijwe n'ubusa ngo aba yacanye utâakâ. Turawuvumbika kugira ngo utazima burundu. Iyo bibaye kandi tuwurahura mu baturanyi, tugacana ukaaka, ugafata ikibatsi, ukagurumana tugashyidika. Urugo rufite ubuzima, rugira umucanyi akarubera igicumbi ; ntacana gusa, acunga n'ibirutunga.

Umuriro ususurutsa aboôta, ugasezerera imbeho n'ubukonje. Abarwayi, abana n'abakuze kera ni bo bakundaga kwitaragaza ku gishirira. Abanyarwanda bati « Nta wusesa uwo acyota » bakongera bati « Incuti y'uruzingo n'umusaza ni umunyotwe ».

Hambere uwanyagirwaga n'imvura y'umuvumbi agatitira, bamwicazaga mu kirambi hafi y'amashyiga, agafata agashyuhe, agasusuruka. Umubyeyi wabaga ari ku kiriri bamucaniraga igishyito, akacyegera, agashira imbeho, akonsa uruhinja nta mbeho imujegeza.

Abashumba bari bamenyereye kota ku gicaniro mu gitondo inka zitarahuka na nijoro zitashye. Ngo umwotsi wacyo wirukanaga isazi n'imibu. Kubura igicaniro byari ukumara inka zigashira. Inka y'umuriro yahabwaga uwagize ibyago akamara ize kubera kunyagwa, kubera se indwara y'icyorezo nka muryamo litaga kandi ibagara, muhekenyi, uburenge n'izindi cyangwa zigakubitwa n'inkuba. Abaraye ku kiriyo ahapfuye umuntu bacana igishyito, bakaharara bugacya. Barangiza iminsi y'akababaro bagacanura. Abami bitwaga ba Yuhi bari bashinzwe kurinda umuriro w'ibwami, wari ikimenyetso cy'uruhererekane n'uburambe bw'ubutegetsi. Abanyamihango bari bawushinzwe by'umwihariko bitwaga abanyamuriro n'abandi bagombaga gushaka inkwi zacanwaga ibwami bitwaga batyo. Uwapfaga atabyaye bamuhambanaga ikara byo kugaragaza ko azimye burundu.

Abaturiye ishyamba n'abahigi bari bazi neza ko umuriro ushobora kubarinda inyamaswa z'inkazi. Burya intare, ingwe, impyisi n'izindi byatinyaga kwegera umuriro, abazirwanyaga ku ntwaro zabo za gakondo bongeragaho ibishirira n'ingiga zaka ; ni cyo gituma zawuhungiraga kure. Umuriro n'umwotsi rero byarangagaa aho abantu baganditse : bikayobora uwahabye akakirwa, agahabwa icumbi ; bugacya akomeza urugendo. Umwotsi ni ikimenyetso cyawo : ngo « Nta wutwika inzu ngo ahishe umwotsi ». Nyamara twitegereje imihanda ya kijyambere y'ubu, dusanga abatwara ibinyabiziga n'abanyamaguru bo mu mujyi bamenyereye kuyoborwa n'abamatara y'amabara anyuranye : umutuku, icyatsi kibisi n'irisa n'icunga rihishije.

Umuriro uratumurikira. Mu mwijima iyo tutabona aho tugana, dushobora kurasa umwambi w'ikibiriti, gucana isitimu cyangwa itara, tukabona. Ku manywa ntidukenera cyane urumuri rwawo, kuko izuba ritumurikira bihagije. Umuriro muri rusange ujyana n'urumuri, ni cyo gituma tuvuga ko ibitumurikira bicanye ; n'ibigaragaza umucyo ngo biracanye. Abanyarwanda bo hambere bakoreshaga ifumba, amatabaza n'uduti twumye, udukenyeri, utubingo kugira ngo bamurike bave mu kizîma.

Umuriro kandi wasukuraga ibyanduye, . ugashongesha ubutare bwakenerwaga n'abacuzi kugira ngo bacure ibikoresho by'ibyuma rubanda bitabazaga icyo gihe nk'impindu, amasuka, inkota, amacumu, imyambi, amayugi y'intore, inzogera, n'ibindi. Umucuzi yahaga ubutare bwashonze isura y'igikoresho yifuzaga guhanga, n'icyuma gishyushye yagikubitaga budiîgi ari icyo agamije. N'ibyo yanâguuraga yabanzaga kubicaniira bigatukura. N'ubu kandi mu nganda za kijyambere, bashongesha ibyuma n'amwe mu mabuye y'agaciro bitabaje umuriro ufite ubushyuhe bwinshi cyane.

Nyamara iyo ukoreshejwe nabi cyangwa ukarangaranwa, ushobora kudukururira ibyago. Umuriro utwika amazu, abayarimo n'ibirimo byose bigatokombera. Intwaro z'ubu zisenya ziruka umuriro, zigatwika, zigasenyagura.

Ibyerekeye amagara yacu : n'ubwo kwa muganga bapfubya, bakavura ubushyê, dukwiye kwirinda uburangare bwatuma dushya cyangwa abacu bakagwirwa n'iyo mpanuka. Ngo « ucana umuriro ukagutwikira bwacya ukongera ». Guhira mu nzu ni urupfu rubi kuko ngo « Uhiriye mu nzu ntaho adapfunda umutwe n'ibipfunsi » ari na ko aririra mu myotsi. Urugo ruhiye rushobora gukongeza urundi aka wa mugani ngo « Urugo ruzotsa urundi ntirujya kure » kandi « Ivu rihoze ryotsa inzu ». Ibintu byo birashakwa, ariko nta gihombo kiruta kubona amatungo, ibyambarwa, ibiryamirwa, ibyo ufite mu ruganiriro no mu bindi byumba n'indi mitungo uhunitsemo bihinduka umuyonga. Ni cyo gituma batugira inama yo gufata ubwishingizi bw'inkongi y'umuriro.

Mu mihanda tubona ibinyabiziga bikongoka kubera insinga zisobana, ku burangare bw'ababitwara no gukinisha amavuta ya lisansi.

Abahinzi batwika imbagara n'ibiyorero bashobora gukongeza imisozi ikaba umuyonga. Ba gacanyi bajugunya uduce tw'amasigara turiho ibishirira na bo bagomba kwamaganwa. Ba rutwitsi barimo abahigi bashimuta n'aborozi bashakira ubwatsi bw'uruhira amatungo yabo babangamira bikabije ibyanya byiberamo inyamaswa nk'iby'Akagera, Nyungwe, icy'ibirunga, tutibagiwe urwuri rwa Gishwati. Bonona ibimera, batwika umutungo w'igihugu, inkongi ihitana inyamaswa cyane cyane izishaje, izirwaye, n'izikiri nto bikabije, amagi y'inyoni n'ibyari byazo, udusimba tutabarika... Agace k'ubutaka karumbuka kononwa n'ubushyuhe, ubwatsi bumara igihe kirekire butarongera kumera, inyamaswa zirisha zikicwa n'inzara.

Umuriro utinya amazi. Ni byo Abanyarwanda bavuze mu gisakuzo ngo « Kirya ibiti n'ibyatsi cyanywa amazi kigapfa ! » Arawuzimya bidasubirwaho. Hari kandi n'imyuka yabugenewe. Ku byerekeye amashyamba, batugira inama yo kuyazengurutsa uduhanda kuko umuriro udashobora kwambuka ubutaka busa butagira ibyatsi cyangwa igiti. Ni byo bita kuyâciiriira. Na ho mu ngo zacu twakwirinda inkongi tuzimya neza ingiga n'amakara dutekesha, tuzimya umwuka ukoreshwa, amabuji n'amatara mbere yo gufata agatotsi, tutabika lisansi iwacu, tugenzura amasinga y'amashanyarazi kugira ngo ataduteza impanuka. Twibuke kandi kwitabaza inzobere mu kuzimya inkongi y'umuriro amazi atararenga inkombe. Kubura umuriro n'amazi ni akaga mu rugo ariko kononerwa na wo ni agahomamunwa.

## IGICE CYA MBERE

### A. KUMVA NO GUSESENGURA UMWANDIKO

**N.B. Koresha amagambo yawe bwite. Kwandukura interuro yose cyangwa igice cyayo bifatwa nko gukopera.**

1. Andika imimaro ine (4) y'umuriro ivugwa hagati y'imirongo ya 17 na 60. **(amanota 2)**

2. Erekana amatsinda ane (4) y'abantu bakeneraga kota no gusuurutswa n'umuriro bavugwa hagati y'imirongo ya 28 na 47. **(amanota 2)**

3. Uhereye ku mwandiko, rondora ibicanwa bine (4) biboneka mu Rwanda. **(amanota 2)**

4. Andika ibice bibiri (2) byari bigize ibyo twagereranya n'ikibiriti gakondo cy'Abanyarwanda ba kera. **(inota 1)**

5. Sobanura mu nteruro ebyiri (2) uyu mugani «Nta wutwika inzu ngo ahishe umwotsi». **(inota 1)**

6. Umuriro wari uhuriye he n'uruganda rwa kera? Ese urwa kijyambere ubu na rwo rurawukeneye? **(amanota 2)**

7. Tanga amazina y'ibyanya bitatu (3) byo mu Rwanda bibangamirwa n'inkongi y'umuriro igihe cy'impeshyi. **(inota 1,5)**

8. Abahinzi n'abanywi b'itabi bashobora bate kuba inkomoko y'inkongi y'umuriro? **(amanota 2)**

9. Erekana ibintu bine (4) bigize ibidukikije bihitanwa n'umuriro iyo amashyamba ahiye. **(amanota 2)**

10. Tanga uburyo bubiri (2) bwavuzwe bwo kurinda inkongi y'umuriro mu ngo zacu. **(inota 1)**

11. (a) Ba mukerarugendo bahuriye he n'ibidukikije biboneka mu gihugu cyacu?

    (b) Bifashwe neza byatumarira iki muri rusange (andika bibiri n'akamaro kabyo) ? **(amanota 2)**

## B. INYUNGURAMAGAMBO

**12. Sobanura mu magambo yawe bwite akurikira dusanga mu mwandiko.** **(amanota 15)**

(a) igishêeshé

(b) umunyotwe

(c) umucâanyi

(d) inka y'umuriro

(e) gushîimuuta

(f) ifuumba

(g) gupfûba

(h) rutwîitsi

(i) budiîgi

(j) amazi atararenga inkombe

(k) gucîiriira ishyamba

(l) gucana utaka

(m) igicaniro

(n) gufata agatotsi

(o) guhambanwa ikara

## C. IMPUZANYITO

**13. Uhereye ku mwandiko n'ubumenyi bwawe bw'ururimi, uzuza ukoresheje amagambo asobanura kimwe n'ayatanzwe.** **(amanota 6)**

(a) Igiti cy'umuko kandi bacyitaga ................................

(b) Umuriro mu mwandiko bawise ................................

(c) Iyo ibitetswe bikuwe ku ziko byahindutse amakara bavuga ko ........................................................

(d) Umunywi w'itabi mu mwandiko bamwise .......................

(e) Umwijima wo mu zuba bacanamo bawita ......................

(f) Umuturanyi wa hafi wagutabaraga uhishije urugo ni ........

## IGICE CYA KABIRI: IKIBONEZAMVUGO

**14. Andika ubwoko bw'amagambo aciyeho akarongo:** **(amanota 6)**

(a) Intare, impyisi n'inyamaswa zindi zatinyaga umuriro.

(b) Iyo úmuriro ukoreshejwe nabi, utikiza ibintu byinshi.

(c) Tubungabunge ibidukikije birimo n'icyanya cy'Akagera.

**15. Garagaza intêgo z'amagambo aciyeho akarongo n'amatageko y'igenamajwi yubahirijwe (mu mpine).** **(amanota 13)**

- Ubwishingizi bw'umuriro burafasha mu byago by'inkongi.
- Duhumeka umwuka mwiza uzira imyotsi yo mu kirere.
- Umuriro usezerera imbeho, ugasusurutsa abawukikije.
- Umuriro warindaga abaturiye ishyamba inyamaswa z'inkazi n'imvubu n'impongo.

**16. Tanga ibicumbi by'amagambo aciyeho akarongo.** **(amanota 4)**

- Ibuye bakubise ku rindi ritanga ibishashi.
- Uwoôse arasusuruka, uwamurikiwe abona inzira.

**17. Erekana inteko ku mazina, ibinyazina na ngenga ku nshinga zitondaguye.** **(amanota 5)**

- Dukwiye kwirinda uburangare bwatuma dushya.
- Abo bana bakinisha ikibiriti baratwika ako karuri.
- Indâaro izotsa inzu iyiba hambavu.

**18. Ubutinde n'amasaku**

**(a) Tandukanya amagambo yandikwa atya ukoresheje ubutinde bw'imigemo n'imiterere y'amasaku ariko ugabanye ibimenyetso.** **(amanota 6)**

- guhisha (inzu) ≠ ......(ikintu ngo kitaboneka)
- ikiriri (cy'umubyeyi wibarutse vuba) ≠ ......(ikivunge cy'abantu)
- gushirira (mu gitero) ≠ ......(kw'inkono)

- igishashi (cy'umuriro) ≠ ......... (itungo rinini bikabije rishobora kwima)
- ikara (ryahambanwaga incike) ≠ .... (igikorwa cyo gukomera)
- guhembera (umuriro) ≠ ......... (umurimo wakozwe)

**(b) Garagaza ubutinde bw'imigemo n'imiterere y'amasaku muri iyi nteruro ariko ugabanya ibimenyetso.** **(amanota 5)**

Umucanwa waratumurikiye turacura, watumye turya ibihiye, dushira amavunane n'ubukonje.

## IGICE CYA GATATU: IMYANDIKIRE N'UBUMENYI RUSANGE BY'URURIMI

**19. Imyandikire yemewe y'Ikinyarwanda** **(amanota 6,5)**

(a) Utwuguruzo n'utwugarizo tumara iki? Tanga urugero rw'interuro ngufi y'imirongo ibiri. **(amanota 2)**

(b) Andika interuro imwe irimo ijambo ririmo ibihekane – **shyw** - na – **mvw** - **(amanota 2)**

(c) Ni mu kihe gihekane wemerewe gukurikiranya ingombajwi ebyiri zisa mu nyandiko ? Tanga urugero rw'ijambo ririmo icyo gihekane. **(inota 1)**

(d) Kosora iyi nteruro : kagabo yavuyi nyanza n'imugoroba. **(inota 1,5)**

## IGICE CYA KANE : IHIMBAMWANDIKO (amanota 15)

**20. Hitamo imwe mu nsanganyamatsiko ebyiri (2) zikurikira uyiramburemo umwandiko w'imirongo makumyabiri (20) y'amagambo umunani (8) umwe umwe.**

**(a) Insanganyamatsiko ya mbere :**

Akamaro k'umuriro iwacu mu rugo no ku ishuri.

**(b) Insanganyamatsiko ya kabiri :**

Abanyarwanda baretse inkwi n'amakara, ubona barengera bate ibidukikije ? Batekesha iki badatemye ibiti ?

<u>**Icyitonderwa**</u> : Kirazira kugaragaza amazina yawe cyangwa ay'ikigo wigamo.